<p>000) na miliyari imwe (1.000.000.000 ) y'amafaranga y'u Rwanda ;</p> <p>4° hagati ya 0.1 na 1% ku masoko afite ingengo y'imari iri hejuru ya miliyari imwe (1.000.000.000) y'amafaranga y'u Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 20: Ifatirwa ry'ingwate y'ipiganwa</u></b></p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta, iyo uwatsinze ipiganwa yanze gusinya amasezerano biturutse ku rwego rutanga isoko, nko kuba amasezerano atarasinywe mu gihe giteganywa n'amategeko kandi urwego rutaramumenyesheje impamvu, cyangwa kuba rwanga ko ibyo amategeko agenga amasoko ya Leta yemerera uwapiganwe bishyirwa mu masezerano, icyo gihe ingwate ye y'ipiganwa ntifatirwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 21: Amahirwe yisumbuyeho ku bapiganwa bo mu gihugu no mu karere</u></b></p> <p>Ku birebana n'amasoko mpuzamahanga, igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa gishobora guteganya amahirwe yisumbuyeho mu gihugu n'abo mu karere turimo. Ayo mahirwe ntarenga icumi ku</p>	<p>Rwandan francs;</p> <p>4° between 0.1 and 1% for tenders whose estimated budget is above one billion (1,000,000,000) Rwandan francs.</p> <p><b><u>Article 20: Retention of the tender security</u></b></p> <p>Subject to provisions of the law on public procurement, when the successful bidder refuses to sign the contract because of reasons linked with the procuring entity such as delay to sign the contract without known reasons to the successful bidder or refusal by the procuring entity to incorporate in the contract provisions of the law on public procuremet for the contractor, her/his bid security shall not be retained.</p> <p><b><u>Article 21: Preference for domestic and regional bidders</u></b></p> <p>For international tenders, the tender document may provide for local preference. The domestic and regional preference shall not exceed ten per cent (10%) of the total cost of the tender and shall be granted at the phase of financial evaluation process.</p>	<p>francs rwandais ;</p> <p>4° entre 0.1 et 1% pour les marché dont le montant du budget est supérieur à un milliard (1.000.000.000) de francs rwandais.</p> <p><b><u>Article 20: Saisie de la garantie de soumission</u></b></p> <p>Sous réserve des cas prévus par la loi relative aux marchés publics, lorsque l'attributaire du marché refuse de signer le contrat pour des raisons émanant de l'entité de passation du marché comme le retard de signer le contrat dans un délai requis sans aviser l'attributaire ou le refus par l'entité de mettre dans le contrat les clauses prévues en faveur de l'attributaire par la loi relative aux marchés, sa garantie de soumission ne doit pas être saisie.</p> <p><b><u>Article 21: Préférence pour soumissionnaires locaux et régionaux</u></b></p> <p>Pour un appel d'offres international, le dossier d'appel d'offres peut accorder une marge de préférence locale. Celle-ci ne doit pas dépasser dix pour cent (10%) du coût total du marché et elle est accordée à l'étape du processus de l'évaluation financière.</p>
--	---	---

<p>ijana (10%) by'agaciro kose k'isoko kandi atangwa mu gihe hakorwa isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa ku rwego rw'igicro.</p> <p>Iyo igitabo cy'amabwiririza agenga ipiganwa giteganya amahirwe avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, kandi kigateganya ko isoko rishobora gupatanishwa, rwiyezamirimo upatanisha isoko kuri ba rwiyezamirimo bo mu karere turimo niwe uhabwa ayo mahirwe.</p> <p>Amahirwe yisumbuyeho ku bo mu gihugu cyangwa mu karere ashobora gutangwa kandi ku bicuruzwa bikorerwa mu karere turimo mu gihe cy'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa, ku mirimo, ibigemurwa cyangwa serivisi bigaragara ko bikunze kwiharirwa n'abapiganwa bo hanze.</p> <p><b><u>Ingingo ya 22: Gushyira mu byiciro kubera amahirwe yisumbuye</u></b></p> <p>Nyuma yo kwakira no gusesengura inyandiko z'ipiganwa, inyandiko z'ipiganwa zujuje ibisabwa zishyirwa mu byiciro mu buryo bukurikira :</p> <p><b>Icyiciro A:</b> Inyandiko z'ipiganwa zigenewe amahirwe yisumbuyeho ;</p>	<p>If the tender document provides for domestic and regional preference stipulated in the first Paragraph of this Article, and that the tender may be subcontracted, the principal bidder subcontracting to regional bidders shall be the one to be granted the local preference.</p> <p>Domestic and regional preference may also be granted to local products during the process of bid evaluation of goods, works or services that seem to have been the monopoly of foreign bidders.</p> <p><b><u>Article 22: Categorization due to preference</u></b></p> <p>After the reception and evaluation of bids, the responsive bids shall be classified as follows:</p> <p><b>Category A:</b> Bids to be granted local preference;</p> <p><b>Category B:</b> Other bids.</p>	<p>Si le dossier d'appel d'offres prévoit la préférence locale et régionale dont il est question au premier alinéa du présent article, et que le marché peut être sous-traité, c'est le soumissionnaire principal qui soustraite aux soumissionnaires régionaux qui doit bénéficier de ladite préférence locale.</p> <p>La préférence locale et régionale peut aussi être accordée aux produits régionaux durant le processus de l'évaluation des offres de travaux, fournitures ou services prouvés qu'ils sont très souvent attribués aux fournisseurs étrangers.</p> <p><b><u>Article 22: Catégorisation pour cause de préférence</u></b></p> <p>Après réception et évaluation des offres, les offres conformes aux exigences sont classifiées de la manière suivante :</p> <p><b>Catégorie A :</b> Offres éligibles à une préférence locale;</p> <p><b>Catégorie B :</b> Autres offres</p>
--	--	--

<p><b>Icyiciro B</b> : Inyandiko z'ipiganwa zindi. Iyo isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa rirangiye, agaciro ka buri nyandiko z'ipiganwa zo mu cyiciro cya B kongerwaho icumi ku ijana (10%) byako, isoko rigatangwa hakurikjwe ingingo ya 39 y'itegeko rigenga amasoko ya Leta.</p> <p><b><u>Ingingo ya 23</u>: Umubare ntarengwa utuma isoko ritangwa nta piganwa ribayeho</b></p> <p>Isoko rifite agaciro katarengeje ibihumbi magana atatu (300.000) by'amafaranga y'u Rwanda rihita ritangwa ku bwumvikane butaziguye bitabaye ngombwa gukurikiza ubundi buryo bw'ipiganisha.</p> <p>Nta na rimwe urwego rutanga isoko rwemerewe gucagagura isoko hagamijwe kutubahiriza uburyo busanzwe bw'imitangire y'amasoko buteganywa n'amategeko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 24</u>: Inzira n'umubare ntarengwa bikurikizwa igihe hakoreshwa uburyo bwo gusaba ibiciro</b></p> <p>Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha uburyo bwo gusaba ibiciro mu gihe rushaka gutanga isoko ry'ibintu cyangwa imirimo y'ubwubatsi bisanzwe ku isoko n'ubwiza bwabyo bukaba</p>	<p>When the evaluation process is completed, each bid price of category B shall be increased by ten percent (10%) of its value and the contract shall be awarded pursuant to article 39 of the Public Procurement Law.</p> <p><b><u>Article 23</u>: Threshold for use of single-source procurement</b></p> <p>Any tender whose value does not exceed three hundred thousand (300,000) Rwandan francs shall be directly awarded by the way of single-source procurement without recourse to any public procurement competition procedure.</p> <p>In any case the procuring entity shall not be allowed to split tenders in a manner aimed at avoiding the normal procurement methods provided for by the law.</p> <p><b><u>Article 24</u>: Procedures and threshold for use of request for quotations</b></p> <p>The procuring entity may resort to the request for quotations for the procurement of goods or construction works readily available on the market and have standard specifications and their cost is below two million (2,000,000 Rwf) Rwanda francs.</p>	<p>Lorsque le processus d'évaluation est terminé, le prix de chaque offre de la catégorie B est majoré de dix pour cent (10%) de sa valeur et le marché est attribué en conformité avec l'article 39 de la loi relative à la passation des marchés publics.</p> <p><b><u>Article 23</u>: Seuil admis pour utilisation de la méthode d'entente directe/gré à gré</b></p> <p>Tout marché dont la valeur ne dépasse pas trois cent mille (300.000 Frw) francs rwandais est attribué par entente directe sans recourir à aucune autre procédure de compétition des marchés publics.</p> <p>En aucun cas l'entité de passation des marchés ne doit fractionner le marché dans le but d'échapper à l'utilisation des méthodes normales exigées par la loi.</p> <p><b><u>Article 24</u>: Procédures et seuil pour l'utilisation de la méthode de demande de cotations</b></p> <p>L'entité de passation des marchés peut recourir à l'usage de demande de cotations pour les marchés de fournitures, travaux de construction disponibles sur le marché ayant des spécifications standards et dont le coût n'excède pas deux million (2.000.000 ) de</p>
--	--	---

<p>busanzwe busobanutse kandi igiciro cyabyo kikaba kitarengeje amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri (2.000.000 ).</p> <p>Mu gukoresha uburyo bwo gusaba ibiciro hagomba kubahirizwa ibi bikurikira:</p> <p>(a) urwego rutanga isoko rusaba ibiciro abapiganwa batandukanye batagomba kuba muni ya batatu (3), amazina yabo akagomba kugaragara mu ibaruwa imwe isaba ibiciro ;</p> <p>(b) urwego rutanga isoko rugoma gusaba abapiganwa ko ibiciro byabo biherekezwa n'umwirondoro wabo urimo amazina ya sosiyeti, amazina y'uuyiyobora, numero y'umusoreshwa (TIN) n'aho ubucuruzi bubarizwa;</p> <p>(c) mu ibaruwa isaba ibiciro urwego rutanga isoko rumenyeshya abapiganwa niba ku giciro cy'ibikenewe haziyongeraho andi mafaranga, nk'ajyanye n'ubwikorezi, ubwishingizi, amahoro ya gasutamo n'indi misoro, kandi rukabasaba kuzabibarira mu giciro bazatanga;</p>	<p>During the request for quotations, the following procedure shall be respected:</p> <p>(a) the procuring entity shall request for cotations from at least three (3) different bidders, whose names appear on one letter requesting for quotations;</p> <p>(b) the procuring entity shall require bidders to provide along with their quotations their full identification including the name of the company, names of its manager, the Taxpayer Identification Number and the address of the business;</p> <p>(c) in the request for quotation, the procuring entity shall inform bidders of any additional costs to the initial price like transportation, insurance fees, custom duties and taxes and shall request them to include the costs in their submitted quotations;</p> <p>(d) bidders shall be given at least three (3)</p>	<p>francs rwandais.</p> <p>Lors de la demande de cotations, la procédure suivante doit être respectée. :</p> <p>(a) l'entité de passation des marchés doit demander des cotations par écrit aux trois (3) différents soumissionnaires au moins, dont les noms doivent figurer sur une même lettre d'invitation préparée par l'entité;</p> <p>(b) l'entité de passation des marchés demande aux soumissionnaires de présenter les cotations avec leurs identification complète dont le nom de la société ; celui de son gérant, le numéro d'identification du contribuable (TIN) et l'adresse commerciale;</p> <p>(c) dans la demande de cotation l'entité de passation des marchés doit informer les soumissionnaires de tout autre coût s'ajoutant au prix principal, comme les frais de transport, d'assurance, des impôts et taxes, et doit leur demander de les considérer lors de la soumission des cotations ;</p> <p>(d) les soumissionnaires doivent</p>
---	---	--

<p>(d) abapiganwa bahabwa nibura iminsi itatu (3) y’akazi ngo babe bamaze gutanga ibiciro byabo. Iyo minsi ibarwa uherye umunsi upiganwa yakiriyeho ibaruwa imusaba igiciro. Iyo abapiganwa bakiriye amabaruwa ku minsi itandukanye, umunsi ukurikizwa n’uwo ibaruwa ya nyuma yakiriweho;</p> <p>(e) akanama gatanga amasoko kagomba gusesengura ibiciro byatanzwe n’abapiganwa kakabikorera raporo;</p> <p>(f) isoko ritsindirwa n’uwatanze igiciro gito mu bapiganwe kandi wujuje ibindi byasabwe n’urwego rutanga isoko birimo gutanga mu gihe gito ibyo urwego rukeneye;</p> <p>(g) ubwo buryo ntibushobora gukoreshwa inshuro irenze imwe mu gihembwe kimwe ku isoko riri mu cyiciro kimwe;</p> <p>(h) urwego rutanga isoko ntirugomba guhora rusaba ibiciro abantu bamwe gusa.</p>	<p>working days to submit their quotations. The days shall be counted from the date of receipt of the request by bidders. In case the reception of requests was on different dates, the date of the last reception shall be considered;</p> <p>(e) the tender committee shall evaluate the submitted quotations and avail the evaluation report;</p> <p>(f) the successful bidder shall be the one with the lowest price and meeting other requirements including the shorter delivery period;</p> <p>(g) such a procurement method shall not be used more than once within the same quarter for a tender of the same category;</p> <p>(h) the procuring entity shall not always request quotations from same bidders.</p> <p><b>Article 25: Threshold for using simplified</b></p>	<p>bénéficiaire d’un délai de trois (3) jours ouvrables afin de soumettre leurs cotations. Ce délai est compté à partir du jour de réception d’une demande de cotation. Lorsque les soumissionnaires ont reçu les demandes aux dates différentes, la dernière date de réception est considérée;</p> <p>(e) le comité de passation des marchés doit évaluer les cotations et faire un rapport d’évaluation ;</p> <p>(f) l’attributaire du marché est le soumissionnaire le moins disant et qui se conforme aux autres conditions exigibles comme le délai de livraison le plus court;</p> <p>(g) cette méthode d’appel d’offres ne peut être utilisée plus d’une fois dans un même trimestre pour un marché de même catégorie;</p> <p>(h) l’entité de passation des marchés ne doit pas toujours demander les cotations aux mêmes soumissionnaires.</p> <p><b>Article 25: Seuil maximal pour utiliser la</b></p>
--	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 25: Umubare w'amafaranga ntarengwa mu gukoresha uburyo bw'inzira ngufi</u></b></p> <p>Uburyo bw'inzira ngufi bukoreshwa ku masoko afite agaciro katarengeje amafaranga y'u Rwanda miliyoni icumi (10.000.000 Frw).</p> <p><b><u>Ingingo ya 26 : Uburyo ikiganiro cya tekini giteganyijwe mu gihe cy'ipiganwa mu byiciro bibiri gikorwa</u></b></p> <p>Mu gihe cy'icyiciro cya mbere cy'itangwa ry'isoko, urwego rutanga isoko rushobora kugirana ikiganiro cya tekini n'abapiganwa kandi inyandiko z'ipiganwa zujuje muri rusange ibisabwa urwego rutanga isoko rurazifata kugira ngo ruzishingireho runonosora igitabo gikubuyemo amabwiriza agenga ipiganwa.</p> <p>Icyo kiganiro cya tekini kigomba gukorerwa mu nama aho:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. abimenyeshejwe n'urwego rutanga isoko, buri wese mu bapiganwa ufite inyandiko y'ipiganwa yujuje ibyasabwe ku rwego rwa tekini agomba kwitabira inama cyangwa akohereza umuhagarariye;</li> <li>2. ingingo ziri muri buri nyandiko</li> </ol>	<p><b>method</b></p> <p>Simplified methods shall be used on tenders whose value does not exceed ten million Rwandan francs (10,000,000).</p> <p><b><u>Article 26: Guidance on technical discussions provided for during the two stage tendering</u></b></p> <p>During the first stage tendering, the procuring entity may hold technical discussions with bidders and bids that are substantially responsive shall be retained by the procuring entity in order to make adjustments on the bidding document.</p> <p>Technical discussions shall be held in a meeting where:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. after invitation by the procuring entity, any bidder whose bid was substantially responsive shall personally attend the meeting or be represented;</li> <li>2. elements from each of the substantially responsive bids which are useful in adjusting</li> </ol>	<p><b>méthode simplifiée</b></p> <p>La méthode simplifiée est utilisée aux marchés dont la valeur n'excède pas dix million de francs rwandais (10.000.000)</p> <p><b><u>Article 26: Orientation sur les discussions techniques prévues en cas d'appel d'offre en deux étapes</u></b></p> <p>Pendant la première étape de passation du marché, l'entité de passation de marchés peut tenir des discussions techniques avec les soumissionnaires et les offres remplissant les conditions requises en général sont retenues par l'entité pour servir de base dans la finalisation du dossier d'appel d'offres.</p> <p>Ces discussions techniques doivent avoir lieu dans une réunion tenue pour cet effet, où :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. après invitation par l'entité de passation de marchés, tout soumissionnaire dont l'offre remplit les conditions requises doit participer personnellement dans la réunion ou y être représenté;</li> <li>2. les éléments qu'on veut emprunter de chacune des offres pour finaliser le dossier</li> </ol>
--	---	---

<p>y'ipiganwa zishobora kugira akamaro kugira ngo igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kinononsorwe zigomba kugaragazwa neza;</p> <p>3. icyo kintu cyifashishijwe gikuwe mu nyandiko y'ipiganwa iyi n'iyi, kigomba kuba gifite imiterere rusange itabogamiye ku ruhande ry'iyi nyandiko gikuwemo;</p> <p>4. imigendekere y'inama igomba gufatirwa inyandiko mvugo igomba gusinywaho n'abitabiriye inama bose. Kopi y'inyandiko mvugo ihabwa abitabiriye inama bose ndetse ikanoherezwa abafite inyandiko z'ipiganwa zujuje ibisabwa ariko batitabiriye inama.</p> <p><b><u>Ingingo ya 27: Uburenganzira bw' abakozi ba Leta bakoreshejwe mu buryo bwa Reji</u></b></p> <p>Isoko rya Leta rishobora gukorwa mu buryo bwa Reji hifashishijwe abakozi bwite ba Leta bakoresheje n'ibikoresho bya Leta.</p> <p>Mu gihe urwego rutanga isoko ruhisemo ubwo buryo bwa reji, abakozi bakoreshwa ntabagirana amasezerano n'urwego rutanga isoko kandi nta gihembo bazasaba ku bw'akazi bakoze.</p>	<p>the bidding document shall be highlighted;</p> <p>3. an element from the bid shall be of general nature and not favor anyhow the bid which it was taken from;</p> <p>4. the process of the meeting shall be recorded and the minutes shall be signed by all attendants. A copy of the minutes shall be given to attendants and sent to bidders whose bids were substantially responsive but who did not attend the technical discussion meeting.</p> <p><b><u>Article 27: Rights of civil servants in force account</u></b></p> <p>Public procurement may be carried out through force account by making recourse to the civil servants and using public equipment.</p> <p>When the procuring entity decides to use the force account method, the civil servants shall not be considered as contractors to the procuring entity and shall not claim any payment.</p>	<p>d'appel d'offres doivent être clarifiés;</p> <p>3. un élément emprunté d'une offre doit être de nature générale sans toutefois favoriser l'offre d'où il a été emprunté;</p> <p>4. le procès- verbal de la réunion doit être tenu et signé par tous les participants. Une copie du procès- verbal doit être donnée à chacun d'eux et doit être envoyée aux soumissionnaires dont les offres sont techniquement qualifiées mais qui n'ont pas participé dans la réunion.</p> <p><b><u>Article 27: Droits du personnel de l'Etat en cas de Régie</u></b></p> <p>Le marché public peut être exécuté à travers la méthode de régie en faisant recours au personnel propre de l'Etat et en utilisant les équipements de l'Etat.</p> <p>Lorsque l'entité de passation de marché décide d'utiliser cette méthode de régie, le personnel ne doit pas être considéré comme cocontractant de l'entité de passation du marché et ne doit réclamer aucun paiement.</p>
---	---	---

<p>Gusa, abakozi ba Leta bagenerwa ibikoresho, igihe n’uburyo bwose bukenewe kugira ngo ibigomba gukorwa bikorwe neza. Iyo ibikorwa biri ahantu kure y’aho basanzwe bakorera, boherezwayo nk’abakozi bari mu butumwa bw’akazi bakanagenerwa ibihabwa abari mu butumwa bw’akazi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 28: Uburyo bwo gukora isoko hakoreshejwe uruhare rw’abaturage</u></b></p> <p>Abaturage igikorwa kigenewe, bashobora kugira uruhare mu gutanga serivisi mu masoko ya Leta iyo bigaragaye ko ubwo buryo aribwo bushobora kuzamura ubukungu, kubashakira imirimo no kubashishikariza kugira uruhare mu bikorwa bibagenewe.</p> <p>Ibyo bikorwa urwego rutanga isoko rwegurira abaturage igikorwa kandi hashyirwa umukono ku masezerano agaragaza inshingano za buri ruhande.</p> <p><b><u>Ingingo ya 29: Imitunganyirize y’uburyo bwo gukoresha abaturage</u></b></p> <p>Kugira ngo ibikubiye mu ngingo ibanziriza iyi bishyirwe mu bikorwa, urwego rwa</p>	<p>However, civil servants shall be given all necessary equipment, time and any other means required for a successful performance. In case the execution is to be carried out in a location far from the work place, civil servants shall be considered to be in an official mission and shall benefit from advantages reserved to public servants in official mission.</p> <p><b><u>Article 28. Execution of the tender by community participation</u></b></p> <p>The beneficiary community may participate in the delivery of services if it is established that that method may contribute to the economy, create employment and enhance their involvement in the activities of which they are beneficiaries.</p> <p>This shall be carried out by an award of a procurement contract to the beneficiary community by the procuring entity and a contract shall be signed between the two parties specifying the obligations of each party.</p> <p><b><u>Article 29: Organization of community participation</u></b></p> <p>For the purpose of the provisions of the preceding article, the procuring entity organises the community participation where:</p>	<p>Toutefois, le matériel, le temps et tous autres moyens nécessaires doivent être disponibles pour la bonne exécution des travaux. Si l’exécution doit se faire dans un lieu éloigné du lieu de travail, le personnel doit être envoyé en qualité du personnel en mission officielle et doit bénéficier de tous les avantages y relatifs.</p> <p><b><u>Article 28: Exécution du marché par la participation communautaire</u></b></p> <p>La population bénéficiaire peut participer à la livraison des services dans les marchés publics, s’il est établi que cette méthode peut contribuer à l’économie, à la création d’emploi ainsi qu’à la participation active des populations bénéficiaires.</p> <p>Dans ce cas, l’entité de passation des marchés attribue le marché à la communauté bénéficiaire et un contrat doit être signé entre les deux parties spécifiant les obligations de chacune d’elles.</p> <p><b><u>Article 29: Organisation de la participation communautaire</u></b></p> <p>Aux fins de l’application des dispositions de l’article précédent, l’entité de passation des marchés organise les procédures de</p>
--	---	--



<p>Leta rutanga isoko nirwo rutegura ishyirwa mu bikorwa by'isoko aho:</p> <p>1° rwifashishije ubuyobozi bw'inzego z'ibanze, urwego rutanga isoko rukoresha inama abaturage bagenewe igikorwa, bakamenyeshwa iby'icyo gikorwa, uruhare rwabo n'inyungu babikuramo;</p> <p>2° muri iyo nama, uhagarariye urwego rutanga isoko .asobanurira abaturage inyandiko igaragaza .inshingano z'impane zombi, igihembo bazahabwa, igihe bazagiharerwa n'uburyo bwo kubahemba ndetse ikagaragaza n'ibindi byose byerekeranye n'ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo igambiriwe;</p> <p>3° nyuma y'iyi nama hakorwa urutonde rw'abaturage bemeye kuzakora imirimo kandi buri .wese agashyiraho umukono we cyangwa igikumwe;</p> <p>4° rusaba abaturage bagenewe igikorwa kwitoramu umuntu uzajya abahagararira mu bibahuza</p>	<p>1° assisted by local authorities, the procuring entity organises a meeting of the beneficiary community whereby the latter is informed of the activity, the scope of their participation and the benefit to the community in return;</p> <p>2° during the meeting, the representative of the procuring entity explains to the community the document containing obligations of both sides, the appropriate payment, the period after which participants shall be paid, payment modalities and any other details related to works execution;</p> <p>3° after the meeting the procuring entity establishes a list of community members committed to participate in works execution and everyone affixes the signature or fingerprint;</p> <p>4° the procuring entity requires the community to avail their representative in all communication and transaction processes of both sides;</p>	<p>participation de la communauté de la façon suivante:</p> <p>1° l'entité de passation des marchés assistée par les autorités locales organise une réunion de la communauté bénéficiaire où cette dernière est informée de l'activité, des limites de leur participation et ce dont la communauté bénéficiera en retour;</p> <p>2° Lors de la réunion, le représentant de l'entité de passation des marchés explique à la communauté le document indiquant les obligations de chacune des deux parties, la rémunération appropriée, la période et les modalités de paiement aux participants ainsi que les autres détails concernant l'exécution des travaux ;</p> <p>3° après la réunion, l'entité de passation des marchés établit une liste de membres de la communauté engagés à participer dans l'exécution des travaux, et chacun d'eux appose sa signature ou son empreinte digitale;</p> <p>4° l'entité de passation des marchés exige à la communauté d'élire leur représentant qui doit servir d'intermédiaire dans tous les rapports</p>
--	--	--

<p>n'urwego rutanze isoko.</p> <p>5° 5) urwego rutanga isoko nirwo rugomba gutanga ibikoresho bya tekini bikenewe mu gukora igikorwa rukanamenyesha abaturage ibikoresho bisanzwe bashobora kuzana;</p> <p>6° urwego rutanga isoko rwifashisha abakozi barwo mu gukurikirana icyo gikorwa, ariko rushobora no rugashyiraho impuguke yo kunganira abaturage iyo bigaragaye ko hari aho ikenewe;</p> <p>7° abifashijwemo n'abashinzwe gukurikirana imigendekere y'igikorwa, buri muturage wakoze asinya buri muni mu gitabo cyangwa ku ifishi yabugenewe. .</p> <p>8° urwego rutanga isoko nirwo ruhamba abaturage bakoze kandi mbere yo gutangira akazi rusaba buri muturage ko arushyikiriza umwirondoro we wose ndetse iyo bibaye ngombwa na numero ya konti amafaranga azishyurwa</p>	<p>5° the procuring entity shall avail technical equipment needed for the execution and shall inform the community of ordinary equipment they should bring themselves for the execution;</p> <p>6° for the supervision of works execution, the procuring entity shall use its public servants and may hire a consultant to technically assist the community if needed;</p> <p>7° with help of supervisors, every participant shall sign on daily basis in the register or on a card prepared for that purpose;</p> <p>8° the procuring entity shall pay participants and before execution every participant shall be required to provide her/his full identification and if necessary her/his bank account where the payment may be deposited;</p>	<p>de communication et les processus de transaction entre l'entité et la communauté :</p> <p>5° l'entité de passation des marchés doit disponibiliser les outils techniques nécessaires à l'exécution des travaux et doit informer les participants du reste des équipements ordinaires qu'ils peuvent amener eux-mêmes;</p> <p>6° afin de la supervision des travaux, l'entité de passation des marchés utilise son personnel et peut engager un consultant en cas de besoin pour une assistance technique à la communauté ;</p> <p>7° aidé par les superviseurs, chaque participant signe chaque jour de participation dans un registre ou sur une fiche tenue pour cet effet ;</p> <p>8° l'entité de passation des marchés doit payer les participants qui, avant le commencement d'exécution des travaux, doivent fournir leur identification complète et si nécessaire avec leurs numéros de comptes où les paiements peuvent être déposés ;</p>
---	--	---

<p>ashobora gushyirwaho;</p> <p>9° igihe urwego rutanga isoko rubona rudafite uburyo bwo gukorana n'abaturage mu ishyirwa mu bikorwa ry'isoko, rushobora kugena urundi rwego rwa Leta rubifitiye ubushobozi rugakora iyo gahunda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 30: Gusesengura inyandiko z'ipiganwa ku masoko yo kugemura n'ay'imirimo</u></b></p> <p>Mbere y'igihe ntarengwa cyagenwe cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa, inyandiko yose y'ipiganwa itanzwe igomba kwakirwa hatitawe ku kuba upiganwa ataraguze igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa, atarasuye ahazakorerwa imirimo, atari ku rutonde rw'abatumiwe mu ipiganwa cyangwa indi mpamvu iyo ariyo yose. Ahubwo, inyandiko y'ipiganwa igomba kwakirwa ikanakorerwa isesengura maze izo mpamvu, niba zihari, zigashingirwaho mu kugaragaza ko inyandiko itujuje ibisabwa.</p> <p>Akanama gashinzwe gutanga amasoko kagomba gusesengura no kugereranya inyandiko z'ipiganwa. Isesengura n'igereranywa bigomba gushingira gusa ku byasabwe mu gitabo cy'amabwiriza</p>	<p>9° in case the procuring entity is unable to organize the community participation, it shall delegate another public body capable to manage that activity.</p> <p><b><u>Article 30: Evaluation of bids for tenders of goods and works</u></b></p> <p>Before the deadline for submitting bids, any submitted bid shall be received irrespective of whether the bidder did not buy the bidding document, did not participate in site visit, or was not shortlisted or of any other reason. Rather, the bid shall be received and evaluated and such reasons, if any, shall be grounds for the bid unsuccessfulness.</p> <p>The tender committee shall evaluate and compare the bids. The evaluation and comparison of bids shall be done basing only on criteria specified in the bidding document and no addition or omission of any criteria shall be allowed.</p>	<p>9° si l'entité de passation des marchés n'est pas en mesure d'organiser les activités de la participation communautaire, elle doit déléguer une autre institution publique susceptible de gérer ces activités.</p> <p><b><u>Article 30: Evaluation des offres de marchés de fournitures et de travaux</u></b></p> <p>Avant la date limite de remise des offres, aucune offre ne doit être rejetée sous prétexte que le soumissionnaire n'a pas acheté le dossier d'appel d'offre, n'a pas participé dans la visite des lieux, n'était pas présélectionné ou pour toute autre raison. Plutôt, l'offre doit être réceptionnée et évaluée, et s'il y a une de ces raisons, elle sera la base de disqualification de l'offre.</p> <p>Le comité de passation des marchés fait l'évaluation et la comparaison des offres. L'évaluation et la comparaison des offres doivent être seulement faites sur base des critères définis dans le dossier d'appel d'offres et rien ne peut y être ajouté ou</p>
---	--	--

<p>agenga ipiganwa kandi ntagishobora kongerwamo cyangwa ngo kivanwemo.</p> <p>Abasesengura bagenzura ko upiganwa yujuje iby'ingenzi byasabwe mu gitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa, harimo nibura ibi bikurira:</p> <p>1° kuba afite abakozi bafite ubushobozi, ibikoresho, uburambe n'amafaranga byatuma akora isoko ripiganirwa;</p> <p>2° kuba yemererwa n'amategeko gukora amasezerano y'amasoko;</p> <p>3° ntagomba kuba atakigira ubwishyu, atari mu gihe cy'iseswa, atari mu gihombo cyangwa ngo abe akurikiranywe n'inzego z'ubutabera;</p> <p>4° ntagomba kuba yarahejwe cyangwa yarahagaritswe by'agateganyo mu ipiganwa ry'amasoko;</p> <p>5° n'ibindi byakenerwa n'urwego rutanga isoko nk'uko biba byasobanuwe mu bitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa.</p>	<p>The evaluators shall examine whether the bidder substantially fulfils the requirements as stipulated in the bidding document including at least the following:</p> <p>1° having qualified key personnel, equipment, experience and financial capacity allowing him/her to efficiently execute the contract awarded;</p> <p>2° being legally entitled to conclude procurement contracts;</p> <p>3° not being insolvent, under liquidation, bankrupt or liable to legal prosecution;</p> <p>4° not having been debarred nor suspended from participation in procurement proceedings;</p> <p>5° any other information required by the procuring entity as it might have been specified in the tender documents.</p> <p>However, technical references issued by the</p>	<p>supprimé.</p> <p>Les évaluateurs doivent examiner si le soumissionnaire remplit les conditions substantielles requises telles qu'elles sont spécifiées dans le dossier d'appel d'offres et dont au moins certaines suivent:</p> <p>1° disposer d'un personnel clé qualifié, des équipements, de l'expérience et des capacités financières lui permettant d'exécuter efficacement le marché s'il en est attributaire ;</p> <p>2° avoir la capacité juridique de conclure des contrats de marchés;</p> <p>3° ne pas être dans une situation d'insolvabilité, de faillite ou dans une procédure de liquidation judiciaire ou sous poursuite judiciaire;</p> <p>4° ne pas être en état d'exclusion ou de suspension de participer dans les marchés publics ;</p> <p>5° toute autre condition exigée par l'entité de passation des marchés telle que décrite dans le dossier d'appel d'offres.</p> <p>Toutefois, les références techniques fournies</p>
---	--	---

<p>Gusa, ibyemezo bya tekini bigaragaza andi masoko yakozwe n'upiganwa ntibyemerwa iyo ari we wabyihaye. Iyo byatanzwe n'abandi bantu cyangwa ibigo byikorera ibyo byemezo byemerwa gusa iyo biherekejwe n'amasezerano yo gukora inyigo, ayo gukora imirimo n'ayo kuyigenzura.</p> <p>Uwegukanye isoko ni uwujuje ibyasabwe kandi inyandiko ye y'ipiganwa ifite igiciro gito kandi gihuje n'ukuri kurusha izindi nyandiko z'ipiganwa;</p> <p><b><u>Ingingo ya 31: Kwanga inyandiko y'ipiganwa ifite igiciro gikabije kuba gito</u></b></p> <p>Urwego rutanga isoko rushobora kwanga inyandiko y'ipiganwa iyo rwagaragaje ko igiciro cy'iyonyandiko y'ipiganwa hamwe n'ibindi bigize inyandiko y'ipiganwa bihendutse cyane bikabije ugereranyije n'imiterere y'isoko, ndetse bikaba biteye impungenge urwego rutanga isoko kuburyo rubona ko uwapiganwe nta bushobozi afite bwo gukora iryo soko aramutse arihawe.</p> <p>Gusa, mbere y'uko urwego rutanga isoko rufata icyemezo cyo kwanga inyandiko y'ipiganwa, rugomba kubanza gukora</p>	<p>bidder to him or herself for the execution of his or her own works, goods or services, shall not be accepted as a proof of experience. Technical references issued by private institutions or persons shall be accepted only if they are accompanied by contracts of a prior study, execution and supervision.</p> <p>The successful bidder shall be the one meeting all the criteria required and whose bid's price shall be the lowest and more advantageous than the others.</p> <p><b><u>Article 31: Rejection of a bid with an abnormally low price</u></b></p> <p>A procuring entity may reject a bid if it has determined that the price, in combination with other constituent elements of the bid, is abnormally low in relation with the subject matter of the procurement and raises concerns with the procuring entity as to the ability of the bidder to perform the procurement contract if awarded.</p> <p>However, prior to any rejection, the procuring entity is required to take the following actions:</p>	<p>par le soumissionnaire à soi même ne sont pas acceptables. Les références techniques fournies par les personnes ou les institutions privées ne sont acceptables que si elles sont accompagnées par les contrats d'étude, d'exécution ou de supervision.</p> <p>L'attributaire du marché est le soumissionnaire dont l'offre est conforme à tous les critères requis et dont le prix est évalué le mieux disant et le plus avantageux par rapport aux autres offres.</p> <p><b><u>Article 31: Rejet d'une offre au prix très bas</u></b></p> <p>L'entité de passation des marchés publics peut rejeter l'offre après avoir identifié que le prix, considéré avec d'autres éléments qui constituent l'offre, est anormalement bas, compte tenu de la substance du marché, et soulève des inquiétudes de l'entité de passation des marchés publics sur la capacité du soumissionnaire d'exécuter le marché une fois lui attribué.</p> <p>Toutefois, avant de prendre la décision de rejet, l'entité de passation des marchés doit nécessairement prendre des précautions suivantes :</p>
---	---	--

<p>ibintu bikurikira:</p> <p>(a) gusaba mu nyandiko uwapiganwe gusobanura neza ibigize inyandiko ye y'ipiganwa biteye impungenge ku bushobozi yaba afite bwo gukora isoko aramutse arihawe;</p> <p>(b) kwakira no gusesengura neza amakuru ayo ariyo yose rwahabwa n'uwapiganwe ku byo yasabwe gusobanura, n'andi makuru ari mu nyandiko y'ipiganwa, kugira ngo harebwe niba impungenge ku bushobozi bwe zitavaho.</p> <p>Igihe cyose, icyemezo cyo kwanga inyandiko y'ipiganwa cyafashwe hakurikijwe ibikubiye muri iyi ngingo, impamvu zatumye icyo cyemezo gifatwa ndetse n'amakuru yagiye ahanahanwa kuri icyo kibazo hagati y'urwego rutanga isoko n'uwapiganwe, bigomba kuba biri mu nyandiko kandi bikabikwa neza hamwe n'izindi nyandiko zerekeranye n'imitangire y'isoko. Icyo cyemezo cy'urwego rutanga isoko hamwe n'impamvu zashingiweho gifatwa bigomba guhitwa bimenyeshwa uwapiganwe bireba, hamwe n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta (RPPA).</p> <p><b><u>Ingingo 32</u> : Uwegurirwa isoko iyo</b></p>	<p>(a) to request the bidder, in writing, details of the bid that gives rise to concerns as to the ability of the bidder to perform the procurement contract if awarded;</p> <p>(b) to take into account and analyse any information provided by the bidder following this request and the information included in the bid, in order to examine if the concerns on the capacity of the bidder are not removed.</p> <p>In any case, the decision of the procuring entity to reject the bid in accordance with this Article, the reasons for that decision, and all communications with the bidder under this Article shall be included in the record of the procurement proceedings. The decision of the procuring entity and the reasons thereof shall be promptly communicated to the concerned bidder and to Rwanda Public Procurement Authority (RPPA).</p> <p><b><u>Article 32</u> : Winner when bidders are at par</b></p>	<p>(a) demander par écrit les détails de l'offre ayant suscité les inquiétudes et le doute sur la capacité du soumissionnaire d'exécuter le marché une fois lui . attribué ;</p> <p>(b) prendre et analyser toute information donnée par le soumissionnaire concernant la demande de l'entité de passation de marché et toute autre information contenue dans l'offre, afin de voir si les inquiétudes et le doute sur la capacité du soumissionnaire ne peuvent être levés.</p> <p>Dans tous les cas, une décision de l'entité de passation des marchés de rejeter l'offre prise conformément au présent article, les motifs de la prise de décision ainsi que toute communication entre l'entité et le soumissionnaire à ce sujet, doivent faire l'objet d'enregistrement comme d'autres archives relatives à la procédure de passation des marchés. Cette décision de rejet avec ses motifs doit être immédiatement communiquée au soumissionnaire concerné et à l'Office National des Marchés Publics (RPPA).</p> <p><b><u>Article 32</u> : Choix de l'attributaire du marché en cas d'égalité des offres</b></p>
--	---	---

<p><b>abapiganwa banganyije amanota</b></p> <p>Iyo hari abapiganwa bujuje ibisabwa kandi banganya amanota, urwego rutanga isoko rurabahamagaza rukabasaba guhita batanga indi nyandiko igabanya ibiciro ariko itagira ikindi ihindura ku miterere y'inyandiko y'ipiganwa ya mbere. Iyo bongeye kunganya amanota, isoko ritangwa hakoreshejwe itombora hagati yabo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 33:</u> Ingwate ku masoko ya serivisi</b></p> <p>Amasoko ya serivisi z'impuguke ntatangirwa ingwate yo kurangiza neza imirimo.</p> <p>Amasoko ya serivisi zitari iz'impuguke arengeje miliyoni icumi z'amafaranga y'u Rwanda (10.000.000 Frw) muri rusange atangirwa ingwate yo kurangiza amasezerano neza. icyakora, iyo ngwate ishobora kudasabwa kubera imiterere y'isoko ry'ubwo bwoko, igaragaza ko nta mpungenge z'uko rizarangizwa nabi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 34 :</u> Agaciro k'amasoko atagombera gusaba abapiganwa kugaragaza ubushake bwo gupiganwa</b></p> <p>Ku masoko ya serivisi z'impuguke,</p>	<p>In case of many successful bidders with equal score, the procuring entity shall invite them to submit their new bids with reduced prices but without changing the rest of the bids' content. In the event the bidders are again at par, the procuring entity shall resort to lot casting among those bidders.</p> <p><b><u>Article 33 : Guarantee for tenders of services</u></b></p> <p>Tenders for Consultants services shall not require a performance security.</p> <p>Tenders for non consultancy services whose amount exceeds ten million Rwandan francs (10,000,000 Rwf) in general shall require a performance security. However, the performance security may not be required depending on special nature of the tender whose characteristics does not show any risk of poor performance.</p> <p><b><u>Article 34: Threshold for tenders not requiring the expression of interest</u></b></p> <p>For tenders of consultancy services, a procuring entity shall call for expression of interest by</p>	<p>Dans le cas où il y aurait plusieurs soumissionnaires qualifiés à égalité de points, l'entité de passation des marchés les invite à présenter de nouvelles offres avec rabais sans toutefois altérer le reste de la substance de l'offre. Dans le cas où les candidats sont encore à égalité, l'entité de passation de marchés procède par tombola entre les concernés.</p> <p><b><u>Article 33 : Garantie pour les marchés de services</u></b></p> <p>Les marchés de services des consultants n'exigent pas de garantie de bonne exécution.</p> <p>Les marchés de services de non consultance de valeur de plus de dix million de francs rwandais (10.000.000 frw) exigent des garanties de bonne exécution en général. Néanmoins, cette garantie n'est pas exigible pour les marchés de ce type si sa nature rassure qu'il n'y a pas de risque de mauvaise exécution.</p> <p><b><u>Article 34 : Le seuil des marchés n'exigeant pas la minifestation d'intêret</u></b></p> <p>Pour les marchés de services de consultances, l'entité de passation de marché doit inviter</p>
---	--	---

<p>gukorwa kubera impamvu za tekiniiki cyangwa izindi mpamvu zigamije kumenya neza ugomba kwishingira ibyakozwe, urwego rugomba kubimenyesha Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta (RPPA) runagisaba uburenganzira bwo gutanga icyo gice.</p> <p><b><u>Ingingo ya 48: icyemezo cyo kurangiza amasezerano neza</u></b></p> <p>Nyuma yo kurangiza neza ibyo yasabwaga n'amasezerano no kwakirwa burundu kw'ibyo yasabwaga n'urwego rutanga isoko, rwiyezamirimo afite inshingano zo kwihutira gusaba mu nyandiko urwego rutanga isoko kumuha icyemezo cy'uko yarangije amasezerano neza.</p> <p>Iyo usaba icyemezo cyo kurangiza amasezerano neza ari uwapatanye, icyemezo gisabwa n'uwagiranye amasezerano n'urwego rutanga isoko akagisaba mu izina ry'uwapatanye.</p> <p>Iyo icyemezo cyasabwe mu izina ry'uwatsindiye isoko cyangwa mu izina ry'uwapatanye, iyo urwego rutanga isoko rutanga icyemezo cyo kurangiza amasezerano neza rugomba kugaragaza muri icyo cyemezo izina ry'urwo rwego n'aho rubarizwa, umwirondoro</p>	<p><b><u>Article 48: Certificate of good completion</u></b></p> <p>After completion of her/his contractual obligations and final acceptance by the procuring entity, the contractor shall have the obligation to immediately request in writing to the procuring entity the certificate of good performance.</p> <p>If the subcontractor is the one who requests for the certificate, the request shall be submitted in the name of the subcontractor by the direct contractor with the procuring entity.</p> <p>If the request for the certificate of good completion was submitted in the name of the direct contractor or of the subcontractor, in either case the procuring entity may issue the certificate always with specifications of the name and address of the procuring entity, identification of the contractor or subcontractor where appropriate, the title, reference number</p>	<p>Marchés Publics (RPPA) un accord de non-objection d'offrir un avenant.</p> <p><b><u>Article 48: Certificat de bonne exécution</u></b></p> <p>Après l'exécution satisfaisante de ses obligations contractuelles et la réception définitive par l'entité de passation des marchés, le cocontractant a l'obligation de demander immédiatement par écrit à cette dernière un certificat de bonne performance.</p> <p>Si c'est le sous contractant qui veut un certificat de bonne performance, la demande sera faite à l'entité des marchés par le contractant au nom du sous contractant.</p> <p>Si la demande du certificat est faite au nom propre du contractant ou du sous contractant, l'entité de passation des marchés peut donner un certificat de bonne performance tout en mentionnant le nom et l'adresse de l'entité, identification du contractant ou du sous-contractant en cas de besoin, le titre, le numéro de référence et la valeur du marché</p>
--	---	--



<p>w'uwasinye amasezerano cyangwa uwapatanye iyo ari we usaba, izina, nomero n'agaciro by'isoko cyangwa igice cyaryo, ndetse n'itariki amasezerano yashyiriweho umukono.</p> <p>Inzego zose zitanga amasoko ya Leta zigomba kugenera Ikigo cy'igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta (RPPA) kopi z'ibyemezo byo kurangiza amasezerano neza ziha ba rwiyemezamirimo, zikanakimenyesha abo zabyangiye ku bwo kubahiriza nabi cyangwa kutubahiriza amasezerano cyangwa ku zindi mpamvu rusobanura.</p> <p>Iyo urwego rutanga isoko rubona ko icyemezo cyasabwe na rwiyemezamirimo atagikwiriye nawe rugomba guhita rumusubiza rumugaragariza izo mpamvu.</p> <p><b><u>UMUTWE WA V: UTUNAMA TWIGENGA TW'UBUJURIRE N'INZIRA Z'UBUJURIRE</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 49: Abagize utunama twigenga tw'ubujurire</u></b></p> <p>Utunama tw'ubujurire twigenga tugizwe n'abantu barindwi (7) bamara manda imwe y'imyaka ine (4). Batoranywa mu nzego za Leta, mu bikorera no mu miryango</p>	<p>and value or part of the tender as well as the date of signature of the contract.</p> <p>All procuring entities are required to give to Rwanda Public Procurement Authority (RPPA) copies of issued certificates of good performance and shall inform the latter of any refused certificate for poor or non performance by the contractor or for any other reason that the procuring entity shall clarify.</p> <p>If the procuring entity decides that the contractor or subcontractor does not deserve the certificate it shall also immediately notify her/him of reasons for the certificate refusal.</p> <p><b><u>CHAPTER V: INDEPENDENT REVIEW PANELS AND REVIEW PROCEDURES</u></b></p> <p><b><u>Article 49: Composition of Independent Review Panels</u></b></p> <p>Independent Review Panels shall be composed of seven (7) members appointed for a one period of four (4) years. They are drawn from the public sector, private sector and civil society. Members from the public sector shall</p>	<p>ou d'une partie du marché, ainsi que la date de signature du contrat.</p> <p>Toutes les entités de passation des marchés doivent donner à l'Office National des Marchés Public (RPPA) des copies de certificats de bonne performance délivrés aux contractants et doivent également informer celui là des cas de refus de certificats pour cause de mauvaise exécution ou défaut d'exécution du contrat ou toute autre cause que l'entité doit clarifier.</p> <p>Au cas où l'entité décide de refuser un certificat au contractant ou au sous-contractant, elle doit également lui informer immédiatement des motifs de cette décision.</p> <p><b><u>CHAPITRE V: COMITES INDEPENDANTS DE RECOURS ET PROCEDURES DE RECOURS</u></b></p> <p><b><u>Article 49: Composition des Comités Indépendants de Recours</u></b></p> <p>Les comités indépendants de recours sont composés de sept (7) membres nommés pour un mandat unique de quatre (4) ans. Ils sont désignés en provenance des institutions publiques, du secteur privé et de la société</p>
---	---	--

<p>idahananira inyungu itegamiye kuri Leta. Abaturuka mu nzego za Leta ntibashobora kurenga batatu (3).</p> <p>Abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta n'abatemerewe kukajyamo kimwe n'abakozi n'abagize inama y'ubutegetsi ya "RPPA" ntibemerewe kujya mu kanama k'ubujurire kigenga.</p> <p><b><u>Ingingo 50</u> : Inshingano z'umukozi uhoraho w'akanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'igihugu n'iz'uwo ku rwego rw'Akarere</b></p> <p>Akanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'igihugu kagenerwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta (RPPA) umukozi uhoraho wo kugafasha imirimo ya buri muni nk'umwanditsi w'akanama.</p> <p>Utunama twigenga tw'ubujurire ku rwego rw'uturere tugenerwa n'Inama Njyanama ya buri Karere umukozi ufite mu nshingano ze za buri muni iyo kuba umwanditsi w'akanama.</p> <p>Inshingano z'umukozi uhoraho w'akanama</p>	<p>not exceed three (3).</p> <p>Members of the tender committees as well as those people not authorized to be members of those committees, the staff and members of "RPPA" Board of Directors and members of the District Council shall not be allowed to be members of the Independent Review Panels.</p> <p><b><u>Article 50: Duties of a full time officer of the National Independent Review Panel and the officer of the District Independent Review Panel</u></b></p> <p>The National Independent Review Panel shall be given a full time officer by Rwanda Public Procurement Authority (RPPA) who shall serve on daily basis as the secretary of the panel.</p> <p>Any independent review panel at District level shall be given a support officer by the District Council, who shall have among his daily duties that of serving the panel as its secretary.</p> <p>The duties of the full time officer of the Independent Review Panel at the national level</p>	<p>civile. Les membres en provenance du secteur public ne peuvent pas dépasser le nombre de trois (3).</p> <p>Les membres des Comités de passation des marchés ainsi que les personnes ne pouvant pas être membres de ces comités, le personnel et les membres du Conseil d'Administration de RPPA ne sont pas autorisés d'être membres des Comités Indépendants de Recours.</p> <p><b><u>Article 50: Attributions d'un agent permanent du Comité Indépendant de Recours au niveau national et de celui au niveau de District</u></b></p> <p>Un agent permanent est affecté au comité indépendant de recours au niveau national par l'Office National des Marchés Publics (RPPA) et sert régulièrement le comité comme secrétaire.</p> <p>Tout comité indépendant de recours au niveau du District a un agent d'appui nommé par le conseil de District respectif, et qui a entre autres attributions quotidiennes celle de servir de secrétaire de comité.</p> <p>Les attributions de l'agent permanent du Comité Indépendant de Recours au niveau</p>
--	--	--

<p>kigenga k'ubujurire ku rwego rw'Igihugu n'umukozi ufasha akanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'Akarere ni izi zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° kwakira inyandiko z'ubujurire;</li> <li>2° kwandika ubujurire mu gitabo cyabugenewe no guha numero inyandiko y'ubujurire;</li> <li>3° gukora ibanzirizasuzumary'ubujurire;</li> <li>4° gutegura amadosiye ya ngombwa zifasha akanama kigenga k'ubujurire mu mirimo yako .;</li> <li>5° gutegura ihamagara cyangwa ubutumire bw'abagomba kugira icyo babazwa n'akanama;</li> <li>6° kuba umwanditsi w'Akanama Kigenga k'Ubujurire;</li> <li>7° kumenyesha abagize akanama kigenga iby'amategeko yishwe bikwiye kumenyeshwa RPPA</li> </ol>	<p>and the support officer for the District Independent Review Panel shall be the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° receiving the requests for review;</li> <li>2° recording the requests for review in the register provided for that purpose and giving a number to each of them;</li> <li>3° conducting the pre-screening of the request for review;</li> <li>4° preparing all documents that are necessary for the activities of the Independent Review Panel;</li> <li>5° preparing summons or invitations to people to be interviewed by the panel;</li> <li>6° acting as the secretary to the Independent Review Panel;</li> <li>7° informing members of the Panel on cases of breach of laws which need to be communicated to RPPA for further investigations;</li> </ol>	<p>national et l'agent d'appui au comité indépendant de recours au niveau de District sont les suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° réceptionner les requêtes de recours ;</li> <li>2° enregistrer les requêtes dans le registre prévu à cet effet et attribuer un numéro à chacune de ces requêtes ;</li> <li>3° faire le pré-examen du dossier de recours ;</li> <li>4° préparer tous les dossiers nécessaires .aux . activités du Comité Indépendant de recours;</li> <li>5° préparer les assignations ou invitations destinées aux personnes devant être interrogées par le Comité Indépendant de Recours;</li> <li>6° assurer le secrétariat du Comité Indépendant de Recours ;</li> <li>7° informer les membres du comité sur les cas de violation des lois qui doivent être communiqués au RPPA pour mener des investigations</li> </ol>
--	--	--

<p>kugira ngo ibikoreho iperereza;</p> <p>8° kubika neza inyandiko no kubungabunga ibikoresho by'akanama kigenga k'ubujurire;</p> <p>9° gukora no gutanga raporo za buri gihembwe n'iz'umwaka cyangwa izindi raporo zidasanzwe zerekeye ibikorwa by'akanama kigenga k'ubujurire;</p> <p>10° kugira abagize akanama inama za tekini n'iz'amategeko;</p> <p>11° gutangaza ibyemezo na raporo by'akanama;</p> <p><b><u>Ingingo ya 51: Igihe ujurira amenyera impamvu yo kujurira</u></b></p> <p>Umunsi ujurira afatwa nk'uwamenye impamvu ituma ajurira, ni umunsi yakiriyeho ibaruwa imumenyeshya icyemezo ajurira. Mu gihe hatagaragara igihe yakiriyeho iyo baruwa kandi yarayishyikirijwe, umunsi ubarwa ni umunsi iyo baruwa yakiriwe n'abafite inshingano zo gutwara ubutumwa cyangwa hagakurikizwa umunsi ibaruwa yashyiriweho umukono. Iyo icyemezo kitigeze kimenyeshwa ujurira kandi</p>	<p>8° safekeeping the documentation and property of the National Independent Review Panel;</p> <p>9° providing quarterly, annual reports, or other special reports as may be needed, of the National Independent Review Panel activities;</p> <p>10° providing technical and legal advice to members of the panel;</p> <p>11° publishing decisions and reports of the panel;</p> <p><b><u>Article 51: Time of the complainant's awareness of appealing reasons</u></b></p> <p>The day of complainant's awareness of circumstances giving rise to the request for review is the day of reception of the letter containing the contested decision. In case the complainant did not sign for reception while s/he receiving the letter, the day to be considered is that of its reception by the couriers or the day of its signature. When the complainant was not notified of the decision as required, the day to be considered is that when s/he became aware of the substance of the decision.</p>	<p>nécessaires ;</p> <p>8° sauvegarder la documentation et le matériel du comité indépendant de recours ;</p> <p>9° produire des rapports trimestriels, annuels ou tout autre rapport qui s'avère nécessaire concernant les activités du comité indépendant de recours ;</p> <p>10° donner des conseils techniques et juridiques aux membres du comité;</p> <p>11° publier les décisions et les rapports du comité ;</p> <p><b><u>Article 51: Moment de connaître les raisons de faire le recours</u></b></p> <p>Le jour où le plaignant est sensé connaître les motifs donnant lieu à sa demande de recours est le jour de réception de la lettre notifiant la décision contestée. Si le requérant n'a pas signé pour réception alors qu'il a reçu la lettre de notification, le jour qui doit être considéré est celui de sa réception par le messenger ou le jour de sa signature. Lorsque le requérant n'a pas été notifié de la décision comme obligé, le jour qui doit être considéré est celui quand il a connu le contenu de la décision.</p>
---	--	---

<p>byaragombaga gukorwa, umunsi ubarwa ni umunsi agaragaza ko aribwo yamenye ibiri mu cyemezo ajuririra.</p> <p>Ariko, mu gihe ubujurire bwerekeye izindi mpamvu zerekeye imitangire y’amasoko ya Leta zitari ibyemezo ujurira yamenyeshejwe mu nyandiko, ubujurire bugomba gutangwa mu gihe impamvu ijuririrwa yabereyeho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 52: Amafaranga yo gutanga ubujurire mu kanama kigenga k’ubujurire</u></b></p> <p>Uwapiganwe ushaka gutanga ikirego mu Kanama k’ubujurire kigenga avanza kwishyura—amafaranga y’u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50, 000) adasubizwa,—ku masoko afite agaciro katarengeje miliyoni makumyabiri (20 000 000 FRw). Naho ku masoko afite agaciro karenze ako, amafaranga yo gutanga ikirego ni ibihumbi ijana (100 000).</p> <p>Amafaranga yo gutanga ubujurire atangwa mu isanduku ya Leta iyo ari ubujurire ku kanama kigenga k’ubujurire ku rwego rw’Igihugu naho amafaranga yo gutanga ikirego ku kanama kigenga k’ubujurire ku rwego rw’Akarere atangwa mu karere</p>	<p>However, when the request for review concerns reasons in relation with public procurement proceedings other than the decision notified to the complainant in writing, the complaint shall be lodged at the time the circumstance giving rise to the request happened.</p> <p><b><u>Article 52: Appeal fee to the independent review panel</u></b></p> <p>Any bidder wishing to lodge a complaint to the Independent Review Panel shall be required to pay a non refundable fee equivalent to fifty thousand (50,000) Rwandan francs for tenders whose amount does not exceed twenty million (20,000, 000) Rwandan francs while for tenders whose value is over this amount the fee for review shall be one hundred thousand (100,000) Rwandan francs-</p> <p>The fee for appeal shall be paid to the Government treasury if the appeal is to the Independent Review Panel at the National level, whereas when it is about a review at the District level, the fee for appeal shall be paid to the District concerned.</p>	<p>Toutefois, lorsque la demande de recours porte sur des questions concernant les procédures de passation des marchés publics autres qu’une décision particulièrement adressée au requérant par écrit, elle doit être transmise au moment où les circonstances donnant lieu à la demande.</p> <p><b><u>Article 52 : Frais de recours au comité indépendant de recours</u></b></p> <p>Tout soumissionnaire désireux de faire recours au Comité Indépendant de Recours est tenu de payer un montant non remboursable de cinquante mille (50 000) francs rwandais pour les marchés dont la valeur n’excède pas vingt millions (20, 000, 000) de francs rwandais tandis que les marchés dont la valeur dépasse cette somme, les frais de recours sont de cent mille (100 000) francs rwandais.</p> <p>Les frais de recours sont payés au trésor public si le recours s’adresse au Comité Indépendant de Recours au niveau national, tandis que pour le Comité de recours au niveau des Districts, les frais de recours sont payés au District concerné.</p>
--	--	--

<p>karebwa n'icyo kibazo.</p> <p>Iyo uwajuririye akanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'Akarere atanyuzwe n'umwanzuro w'ako kanama agahitamo gukomeza inzira z'ubujurire ku kanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'igihugu, agomba kwishyura amafaranga yo gutanga ubujurire kuri urwo rwego.</p> <p>Icyakora, iyo akanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'Akarere karengaje igihe giteganywa n'amategeko kadafashe umwanzuro ku bujurire kashyikirijwe, iyo uwajuriye ahisemo gukomeza inzira z'ubujurire mu kanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'igihugu ntiyongera kwishyura amafaranga yo gutanga ubujurire.</p> <p><b><u>Ingingo 53</u> : Ibyo inyandiko y'ubujurire igomba kugaragaza</b></p> <p>Inyandiko y'ubujurire igomba kugaragaza ibi bikurikira:</p> <p>1° umwirondoro w'ujurira: amazina y'umuntu n'izina ry'ubucuruzi cyangwa izina rya sosiyeti n'iry'uuyihagarariye, aho abarizwa, numero ya telefoni;</p>	<p>If the complainant is not satisfied with the decision of the independent review panel at District level and decides to continue with his/her appeal to the National Independent Review Panel, s/he shall be also required to pay the appeal fee required for the service at this level.</p> <p>However, if the independent review panel at District level fails to take a decision within the required time, the complainant shall not be required to pay the appeal fee if s/he decides to continue with his/her appeal to the National Independent Review Panel.</p> <p><b><u>Article 53: Contents of the request for review</u></b></p> <p>The request for review shall include the following:</p> <p>1° identification of the complainant: personal and business names, legal representative, address and telephone number;</p>	<p>Lorsque le requérant n'est pas satisfait de la décision prise par le comité indépendant de recours au niveau de District et qu'il décide de recourir au comité indépendant de recours au niveau national, il doit payer les frais de recours requis pour le service de ce niveau.</p> <p>Toutefois, lorsque le comité indépendant de recours au niveau de District ne parvient pas à prendre une décision dans le délai exigé, le requérant n'est pas obligé de payer les frais de recours s'il décide de recourir au comité indépendant de recours au niveau national.</p> <p><b><u>Article 53: Contenu d'une demande de recours</u></b></p> <p>Tout recours doit comprendre les éléments suivants :</p> <p>1° identification du requérant : noms, raison sociale ou nom de la société et son représentant légal, adresse, numéro de téléphone;</p>
---	--	---

<p>2° umwirondoro w'urwego rutanga isoko;</p> <p>3° icyemezo kijuririrwa;</p> <p>4° igihe icyemezo cyangwa igikorwa kijuririrwa cyafatiwe n'igihe ujurira yakimenyeye .</p> <p>5° urwego rujuririrwa;</p> <p>6° umukono cyangwa igikumwe cy'utanze ubujurire;</p> <p>7° icyemezo cy'uko yishyuye amafaranga yishyurwa n'utanga ikirego;</p> <p>8° kopi y'icyemezo cy'ubucuruzi;</p> <p>9° indi nyandiko yose yerekeranye n'ubujurire akanama kigenga gashobora gusaba ujurira;</p>	<p>2° identification of the procuring entity;</p> <p>3° decision or conduct against which the review is requested;</p> <p>4° date on which the decision or conduct was taken/manifested and when the complainant became aware of it;</p> <p>5° the organ to which the review is addressed;</p> <p>6° signature or fingerprint of the applicant;</p> <p>7° payment slip for appeal fee;</p> <p>8° copy of registration certificate;</p> <p>9° any other relevant document that the panel may request from the complainant.</p>	<p>2° identification de l'entité de passation des marchés ;</p> <p>3° décision contre laquelle le recours est formé ;</p> <p>4° date de la décision ou de l'acte et celle à laquelle le requérant en a été notifié;</p> <p>5° organe auquel le recours est adressé ;</p> <p>6° signature ou l'empreinte digitale du requérant ;</p> <p>7° preuve de paiement des frais de consignation par le requérant ;</p> <p>8° copie du registre de commerce ;</p> <p>9° tout autre document relatif au recours que le comité peut exiger le requérant de présenter.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 54: Kwakira ubujurire</u></b></p> <p>Kugira ngo ubujurire bwakirwe bugomba kuba bugaragaza neza ibikorwa byihariye byirengagijwe cyangwa byakozwe mu</p>	<p><b><u>Article 54: Admissibility of the request for review</u></b></p> <p>The request for review shall be acceptable if it explains a specific act of omission or commission contravening the law on public procurement or other procurement regulations.</p>	<p><b><u>Article 54: Recevabilité d'une demande de recours</u></b></p> <p>Pour être recevable, tout recours doit préciser un fait ou un manquement à l'encontre de la loi ou de toute autre réglementation relative à la passation des marchés publics. Le</p>

<p>buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa andi mabwiriza agenga amasoko. Ujurira agomba kwerekana mu nyandiko akarengane yatewe n'icyemezo cyangwa n'imyifatire akemanga.</p> <p>Mu rwego rwo kunoza imirimo yo gusuzuma ubujurire, ubujurire butangirana n'ibanzirizasuzuma.</p> <p>Mu gukora ibanzirizasuzuma, umukozi uhoraho w'akanama kigenga k'ubujurire asesengura gusa niba inzira z'ubujurire n'igihe cyo kujuririramo byarubahirijwe, aho areba niba:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° ujurira yaratanze inyandiko zose zisabwa kuza ziherekeje ubujurire;</li> <li>2° amafaranga y'ubujurire yarishyuwe kuri konti agomba kwishyurwaho iyo bigomba gukorwa;</li> <li>3° ujurira yarabanje kujuririra izindi nzego nk'uko biteganywa n'amategeko;</li> <li>4° urwego rwajuririwe ari rwo rubifitiye ububasha; .;</li> <li>5° ubujurire bwaratanzwe mu gihe giteganywa n'amategeko.</li> </ol>	<p>The complainant shall appeal in writing, showing the injustice committed against him/her resulting from the contested decision or conduct.</p> <p>For the purpose of effective review mechanism, the application of review shall be subject to pre-screening.</p> <p>The pre-screening shall be done by the permanent officer of the Independent Review Panel and shall be limited to analyzing if the appeal process and time were respected. He/she verifies wether:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° the complainant submitted all the required documents;</li> <li>2° the fee was deposited on the appropriate account in case it is required;</li> <li>3° the complainant appealed to other organs as provided for by the law;</li> <li>4° the complainant appealed to an appropriate organ</li> <li>5° the complainant appealed within the required time.</li> </ol>	<p>requérant doit montrer par écrit l'injustice commise à son égard et résultant de la décision ou de la conduite contestée.</p> <p>Pour la bonne administration des mécanismes de recours, le recours est soumis à une procédure de pré-examen.</p> <p>Le pré-examen est fait par l'agent permanent du comité indépendant de recours qui doit se limiter sur l'analyse du respect des délais et des autres procédures de recours. .Il vérifie si:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° le requérant a soumis tous les documents nécessaires en annexe du recours;</li> <li>2° les frais de recours ont été déposés sur le compte approprié s'ils sont exigibles;</li> <li>3° le requérant a adressé son recours aux organes comme prévu par la loi;</li> <li>4° le recours a été porté devant l'organe compétent;</li> <li>5° le requérant a respecté les délais de . recours.</li> </ol>
--	--	---



<p>Ibanzirizasuzuma ry'ubujurire rigomba gukorwa bitarenze iminsi itatu (3) uhereye umunsi ubujurire bwakiriweho. Iyo mu gihe cy'ibanzirizasuzuma umukozi uhoraho w'akanama abonye ko ubujurire butujuje ibisabwa, ahita ashyikiriza perezida wako raporo kugira ngo abufataho umwanzuro, akagera kopi abandi bagize akanama.</p> <p>Mu mwanzuro we perezida ashobora kwemeza ko ubujurire bwujuje ibisabwa bityo ko buzasuzumwa mu mizi n'akanama, cyangwa ko butabyujuje bityo uwajuriye akandikirwa amenyeshwa ko ubujurire bwe butasuzumwe mu mizi n'impamvu zashingiweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 55:</u> Gusaba urwego rwafashe icyemezo kohereza inyandiko zerekeye isoko</b></p> <p>Nyuma y'ibanzirizasuzuma, akanama kigenga k'ubujurire gasaba mu nyandiko urwego rwafashe icyemezo kijuririrwa gutanga inyandiko z'ingenzi zerekeye isoko kugira ngo akanama gasuzume ubujurire mu mizi.</p> <p>Izo nyandiko zigomba gutangwa mu minsi itanu (5) y'akazi ibarwa uhereye ku itariki urwo rwego rwakiriyeho ibaruwa</p>	<p>The pre-screening shall be done within three (3) days from the reception of the complaint. If the permanent officer of the Independent Review Panel realizes that an appeal bears irregularities, he/she immediately submits the report to the Chairperson of the panel for a decision and gives a copy of the report to other members of the panel.</p> <p>The decision by the Chairperson shall be either to conclude that the appeal has no irregularity and shall be examined by the panel or to conclude that the appeal has irregularities and therefore issue an immediate notification to the complainant that her/his appeal is inadmissible, with reasons thereof.</p> <p><b><u>Article 55 :</u> Requesting the procuring entity that took the decision for documents related to the tender</b></p> <p>After the pre-screening process, the independent review panel shall request in writing the procuring entity whose decision was contested to provide necessary documents in relation with the tender in order to examine the substance of the request.</p> <p>Documents shall be provided within five (5) working days to be counted from the date on which the entity received the request from the Independent Review Panel.</p>	<p>Le pré-examen doit être fait dans un délai de trois (3) jours dès la réception du recours. Au cas où l'agent permanent du comité indépendant de recours constate que le recours porte des irrégularités, il doit soumettre immédiatement le rapport au président du comité en vue d'une décision et donner une copie de rapport à tous les membres du comité.</p> <p>Le Président décide soit que le recours ne porte pas d'irrégularité et qu'il doit être examiné par les membres du comité, ou qu'il porte des irrégularités et par conséquent, il notifie immédiatement le requérant que son recours est irrecevable, avec une motivation.</p> <p><b><u>Article 55:</u> Demander à l'entité de passation de marché ayant pris la décision les documents concernant le marché</b></p> <p>Après le pré-examen, le comité indépendant de recours doit demander par écrit à l'entité dont la décision est attaquée, de fournir les documents nécessaires relatifs au marché concerné afin d'examiner le fond du recours.</p> <p>Les documents doivent être fournis dans cinq (5) jours ouvrables à compter de la date de la réception de la lettre du Comité.</p>
--	---	--

<p>y'akanama isaba inyandiko.</p> <p>Iminsi ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ihinduka itatu (3) y'akazi iyo inzego zirebwa n'ubujurire ziri mu ifasi y'Umujyi wa Kigali cyangwa iyo inyandiko zasabwe n'Akanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'Akarere.</p> <p><b><u>Ingingo ya 56 : Kugena no kumenyesha umunsi wo gusuzuma ubujurire</u></b></p> <p>Akimara kwakira inyandiko akanama kasabye, umukozi uhoraho w'akanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'Igihugu cyangwa umukozi ufasha akanama ku rwego rw'Akarere ahita ategura ibaruwa itumira abagize akanama mu nama yo gusuzuma ubujurire mu mizi.</p> <p><b><u>Ingingo 57: Iyubahirizwa ry'ihame ryo kwiregura</u></b></p> <p>Mu gihe cy'ubujurire, ukuvuguruzanya kugomba kubahirizwa aho ubujurire bwaba bugeze hose.</p> <p>Ujurira ashyira mu nyandiko ye y'ubujurire ingingo yajuririye ku rwego rutanga isoko. Iyo ashyize ingingo nshya mu bujirire ku rwego rw'akanama ariko atigeze ajuririra ku rwego rutanga isoko</p>	<p>The number of days mentioned in Paragraph 2 of this Article shall be three (3) working days if the entities concerned are those within Kigali City or if the documents were requested by a District Independent Review panel.</p> <p><b><u>Article 56: Fixing and notifying the date for review</u></b></p> <p>At the reception of the documents requested by the independent review panel, the permanent staff of the Independent Review Panel at National level or the support officer of the Independent Review Panel at District level shall immediately prepare a letter inviting members in a meeting to proceed with substantial examination of the request.</p> <p><b><u>Article 57: Compliance with the principle of hearing both parties</u></b></p> <p>During the proceedings of review, the principle of hearing both parties must be respected at all levels of proceedings.</p> <p>In his/her request, the complainant shall only raise concerns that were in the request for review to the concerned procuring entity. New elements that shall be included in the request to the independent review panel shall be taken as they were not examined by the procuring entity</p>	<p>Le nombre de jours stipulés à l'alinéa 2 du présent article est de trois (3) jours ouvrables si les entités concernées par le recours sont dans la Ville de Kigali ou si les documents sont demandés par le Comité Indépendant de recours au niveau de District.</p> <p><b><u>Article 56: Fixation et communication de la date d'examen du recours</u></b></p> <p>Dès la réception des documents demandés par le comité indépendant de recours, l'agent permanent du comité indépendant de recours au niveau national ou l'agent d'appui du comité indépendant de recours au niveau de District doit immédiatement préparer une lettre invitant les membres dans une réunion afin d'examiner au fond la requête.</p> <p><b><u>Article 57 : Application du principe du contradictoire</u></b></p> <p>Pendant la procédure de recours, le principe du contradictoire doit être respecté à tous les niveaux de la procédure.</p> <p>Dans sa requête, le requérant doit mentionner seulement les griefs ayant fait l'objet de recours gracieux auprès de l'entité. Les éléments de la requête auprès du comité indépendant de recours n'apparaissant pas dans le recours gracieux auprès de l'entité</p>
---	--	---

<p>ngo ruzisuzume akanama nako ntikazisuzuma, keretse iyo ari ingingo ujurira yamenye nyuma y'ubujurire ku rwego rutanga isoko.</p> <p>Mu gihe cyo gusaba urwego rutanga isoko ko rwohereza inyandiko, umukozi uhoraho w'akanama arumenyeshya ibikubiye mu bujurire.</p> <p>Mu nyandiko rwohereza, urwego narwo rutanga ingingo zivuguruzanya ibikubiye mu nyandiko y'ubujurire ndetse rukanagaragaza ishingiro ry'icyemezo rwafashe.</p> <p>Akanama kigenga k'ubujurire gashobora gutumiza impande zombi kuza kuvuguruzanya imbona nkubone imbere y'abagize akanama. Nyuma yo kuvuguruzanya byaba mu nyandiko cyangwa imbona nkubone, abagize akanama bagomba gufata umwanzuro wa nyuma ku bujurire.</p> <p><b><u>Ingingo ya 58: Ifatwa ry'ibyemezo by'akanama kigenga k'ubujurire</u></b></p> <p>Kugira ngo Akanama kigenga k'ubujurire gaterane ku buryo bwemewe, hagomba</p>	<p>and therefore shall not be examined by the panel, unless the new elements were known after the review by the procuring entity.</p> <p>When requesting the documents to the procuring entity whose decision was contested, the full time officer shall communicate to them details of the request for review.</p> <p>With the submission of the documents, the procuring entity shall provide its arguments challenging the request for review and shall defend its decision</p> <p>The independent review panel may decide to invite both sides in a face to face debate before members of the panel. After hearing both parties, in writing or face to face, members of the panel shall take a final decision.</p> <p><b><u>Article 58: Decision taking by the independent review panel</u></b></p> <p>The quorum required for the Independent Review Panel to make valid resolutions shall be at least two thirds (2/3) of all members.</p>	<p>sont considérés comme n'ayant pas fait l'objet de recours gracieux au premier degré et par conséquent ne sont pas examinés par le comité, à moins que le requérant a connu ces éléments après le recours auprès de l'entité.</p> <p>Lors de la demande des documents à l'entité ayant pris la décision attaquée, l'agent permanent du comité indépendant de recours doit l'informer sur les détails du contenu de recours.</p> <p>Dans la lettre de transmission des documents, l'entité doit répliquer en donnant ses arguments contredisant ceux du requérant, et doit défendre sa décision.</p> <p>Le comité indépendant de recours peut inviter les deux parties dans un débat contradictoire devant les membres du comité. Après la procédure du contradictoire soit par écrit ou par débat, les membres du comité doivent prendre la décision finale.</p> <p><b><u>Article 58: Prise de décisions par le comité indépendant de recours</u></b></p> <p>Le quorum requis pour la validité des décisions du Comité Indépendant de Recours est d'au moins les deux tiers (2/3) de tous les</p>
--	--	---

<p>kuba hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abakagize.</p> <p>Ifatwa ry'ibyemezo by'akanama kigenga k'ubujurire rishingira ku bigize dosiye y'isoko ryapiganiwe no ku mategeko n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta kandi nta kubogama kubayeho.</p> <p>Akanama kigenga k'ubujurire kagomba gufata umwanzuro mu gihe giteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta kandi ugasinywaho n'abitabiriye inama.</p> <p><b><u>Ingingo 59: Igongana ry'inyungu</u></b></p> <p>Iyo umwe mu bagize akanama kigenga k'ubujurire ari we wajuriye, nta ruhare agira mu isuzumwa ry'ubwo bujurire kugeza igihe icyemezo gifatiwe.</p> <p>Iyo umwe mu bagize akanama kigenga k'ubujurire afitanye isano iyo ariyo yose cyangwa ubwumvikane buke n'uwajuriye, yandikira akanama akamenyesha icyo kibazo akanagasaba kwiheza mu isuzumwa ry'ubwo bujurire.</p> <p><b><u>Ingingo ya 60: Gutangaza ibyemezo by'Akanama k'Ubujurire</u></b></p> <p>Ibyemezo by'Akanama Kigenga</p>	<p>The decisions to be taken by the Independent Review Panel shall take into account all the aspects of the tender documents and the law and regulations governing public procurement in an impartial manner.</p> <p>The independent review panel shall take the decision within the time provided for by the law on public procurement and it shall be signed by members present.</p> <p><b><u>Article 59: Conflict of interests</u></b></p> <p>When a member of the Independent Review Panel has applied for review, he/she will not take part in the deliberations on the request until the decision thereof has been taken.</p> <p>If a member of the Independent Review Panel has any relationship or misunderstanding with the complainant, the former shall inform, in writing, the Panel of the issue and request for not taking part in the review proceedings.</p> <p><b><u>Article 60: Publication of the decisions of the Independent Review Panel</u></b></p> <p>Decisions of the Independent Review Panel shall be published and communicated to both</p>	<p>membres.</p> <p>Les décisions du Comité Indépendant de Recours sont prises d'une façon impartiale sur base des dossiers relatifs au marché en question et conformément à la loi et à la réglementation régissant les marchés publics.</p> <p>Le comité indépendant de recours doit prendre sa décision dans le délai prévu par la loi relative aux marchés publics; la décision doit être signée par les membres présents.</p> <p><b><u>Article 59: Conflit d'intérêts</u></b></p> <p>Lorsqu'un membre du Comité Indépendant de Recours a fait le recours, il ne doit pas participer aux délibérations de ce recours jusqu'à la prise de décision y relative.</p> <p>Si un membre du Comité Indépendant de Recours a une relation avec le requérant ou s'il y a une mésentente entre eux, il doit en informer par écrit les membres du Comité et demander de ne pas participer à l'examen du recours.</p> <p><b><u>Article 60: Publication des décisions du Comité Indépendant de Recours</u></b></p> <p>Les décisions du Comité Indépendant de Recours sont portées à la connaissance du</p>
---	---	--

<p>k'Ubujurire bimemenyeshwa rubanda n'impane zombi bireba. Bishyirwa ku rubuga rwa Interineti rw'urwego rutanga isoko, ku rubuga rwa Interineti rwa RPPA ndetse bikamanikwa no ku biro by'urwego rutanga isoko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 61: Raporo z'utunama twigenga tw'ubujurire</u></b></p> <p>Akanama Kigenga k'Ubujurire ku rwego rw'igihugu gaha raporo y'igihembwe Minisitiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano ze, naho Akanama Kigenga k'Ubujurire ku rwego rw'Akarere kagaha iyo raporo Inama Njyanama y'Akarere. Kopi z'izo raporo zigenerwa RPPA.</p> <p><b><u>Ingingo ya 62: Igenzurwa ry'utunama tw'ubujurire twigenga</u></b></p> <p>Akanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'Igihugu kagenzurwa n'itsinda rishyirwaho na Minisitiri ifite amasoko ya Leta mu nshingano zayo.</p> <p>Akanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'Akarere kagenzurwa n'ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta.</p>	<p>parties. They shall be posted on the official website of the procuring entity, posted on the RPPA official website and displayed on the procuring entity's notice board.</p> <p><b><u>Article 61: Reports of Independent Review Panels</u></b></p> <p>The Independent Review Panel at the National Level shall give quarterly reports to the Minister in charge of public procurement while the Independent Review Panel at the District level shall give such reports to the District Council. Such reports shall be copied to RPPA.</p> <p><b><u>Article 62: Audit of Independent Review Panels</u></b></p> <p>The National Independent Review Panel shall be audited by a team set by the Ministry in charge of public procurement.</p> <p>The Independent review panel at the District level shall be audited by the Rwanda Public Procurement Authority (RPPA).</p>	<p>public et notifiées aux parties concernées. Elles sont publiées à la fois sur le site web de l'entité de passation des marchés et de RPPA et affichées au tableau d'affichage de l'entité de passation des marchés publics.</p> <p><b><u>Article 61: Rapports des Comités Indépendants de Recours</u></b></p> <p>Le Comité Indépendant de Recours au niveau national transmet son rapport trimestriel d'activités au Ministre ayant les marchés publics dans ses attributions, tandis que le Comité Indépendant de Recours au niveau du District transmet son rapport trimestriel au Conseil du District. Les copies de ces rapports sont réservées au RPPA.</p> <p><b><u>Article 62: Audit des Comités Indépendants de Recours</u></b></p> <p>Le Comité Indépendant de Recours au niveau national est audité par un comité établi par le Ministère ayant les marchés publics dans ses attributions.</p> <p>Le comité indépendant de recours au niveau de Districts est audité par l'Office National des Marchés Publics (RPPA).</p>
--	---	---

<p><b><u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 63: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iteka</u></b></p> <p>Iteka rya Minisitiri N°001/08/10/MIN ryo ku wa 16/01/2008 rishyiraho amabwiriza agenga amasoko ya Leta n'ibitabo ngenderwaho by'amabwiriza agenga ipiganwa kimwe n'izindi ingingo z'amabwiriza zinyuranyije n'iri teka bivanweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 64: Igihe iteka ritangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p>Kigali, ku wa 19/02/2014</p>	<p><b><u>CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 63: Repealing provision</u></b></p> <p>Ministerial Order N° 001/08/10/MIN of 16/01/2008 establishing regulations on public procurement and Standard Bidding Documents and other regulatory provisions in contrary to this Order are hereby repealed.</p> <p><b><u>Article 64: Commencement</u></b></p> <p>This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> <p>Kigali on 19/02/2014</p>	<p><b><u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES</u></b></p> <p><b><u>Article 63: Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>L'Arrêté Ministériel N° 001/08/10/MIN du 16/01/2008 portant réglementation des marchés publics et Dossiers d'Appels d'Offres types et d'autres dispositions réglementaires contraires au présent arrêté sont abrogés.</p> <p><b><u>Article 64: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> <p>Kigali, le 19/02/2014</p>
--	---	---

<p>(sé)</p> <p><b>GATETE Claver</b> Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi</p> <p><b>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :</b></p> <p>(sé)</p> <p><b>BUSINGYE Johnston</b> Minisitiri w’Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>(sé)</p> <p><b>GATETE Claver</b> Minister of Finance and Economic Planning</p> <p><b>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</b></p> <p>(sé)</p> <p><b>BUSINGYE Johnston</b> Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>(sé)</p> <p><b>GATETE Claver</b> Ministre des Finances et de la Planification Economique</p> <p><b>Vu et scellé du Sceau de la République:</b></p> <p>(sé)</p> <p><b>BUSINGYE Johnston</b> Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux</p>

